Nk'uko nabyiboneye ubwo nari maze gusesekara mu mujyi wa Ruhengeri nyuma y'umunsi umwe gusa ibitero bigabwe. Ibyo mbabwira si amakabyankuru kuko nabyiboneye kandi nkanabibwirwa n'abasirikare baje kubohoza umujyi wa Ruhengeri. Nkimara gusesekara imbere ya Perefegitura ya Ruhengeri nahasanze abasirikare umunane bambwira ko ari abo mu kigo cyo mu Mutara bakaba barabohoje u Mutara. Gatuna na Ruhengeri, tumaze nk'iminota 45 tuganira bantumye ku banyarwanda basigaye. Ndavuga abataragera ku rugamba. Abo basirikare bavuze ko nta cyitso bazongera gufata ngo bagishyikirize ubutegetsi. Kubera ibivugwa hanze aha no gukubitiraho ibyakozwe n'inkotanyi zibohoza ibyitso byazo byari bifungiwe mu Ruhengeri kubera ibyo byose tumaze kuvuga nibyo byatumye biyemeza kujya batsinda icyitso aho bagifatiye.

Ese umujyi wo wari uteye ute?

Mu mujyi wa Ruhengeri nta muntu n'umwe warangwagwamo yewe habe n'uwo kubara inkuru ku buryo no kwa muganga hasigaye abarwayi gusa abenshi mu baganga bacyimara guhunga dore ko bagendeye rimwe n'abaganga b'abafaransa. Nkaba mboneyeho gushimira aba travailleuse bo bakomeje guhangana na biriya bitero. Ubwo mbere yo kugera mu mujyi nari nabonanye na Ajida SUKIRANYA, uyobora gereza ya Ruhengeri antekerereza, uwo SUKIRANYA yemeza ko twatewe mbere na mbere n'ibyitso bikomeye byakunze kwigira nyoninyinshi ku buryo yakomeje anyemeza ko intwaro inkotanyi zakoresheje muri kiriya gitero zari zisanzwe zibera mu Ruhengeri.

Muri make intwaro zaturashe ni izari zibitswe mu mazu y'ibyitso. Cyangwa se

KA02 1206

KA021206

ahazwi n'ibyitso gusa. Gusa icyamubabaje ni uko mu mpande z'umujyi wa Ruhengeri hahunze abahutu gusa naho bamwe mu batutsi bagasigara niba ari ubutwari budasanzwe barusha abahutu ntawabimenya. cyangwa se bo hakaba hari impuhwe inkotanyi zari kubagirira ibyo ni ibivugwa na SUKIRANYA wari Diregiteri wa Gereza agakirira ha mana we na Perefe wa Ruhengeri. Ikindi kigaragaza ko ibyitso b'ikirimo kandi bikomeye bikaba byaranagize koko uruhare mu Ruhengeri. Nibyumvikana ukuntu hari ibigo bitatu bya gisirikare kandi bikomeye maze inyenzi zikanigarurira zikawumarana amasaha umunane yose zikabohoza abanyururu, zikabatwara i Bugande none ibyo byakorwa bite nta byitso bikomeye birimo?

Tugarutse ku nkotanyi abaturage bazibonye bemeje ko harimo abarabu ndetse n'abandi banyamahanga batari inkotanyi ibi ntawa bihamya cyangwa ngo abihakane gusa icyo bakoze baragikoze kandi cyizatubere isomo. Ikindi twaje kumenya ni uko wa munsi Ruhengeri yari yafashwe muri iryo joro nagombaga no gufatwa na Gisenyi.

Aha tukaba twibaza niba abafashe Ruhengeri aribo bari gufatana Gisenyi. Aho twasanze ari urujijo. Ariko icyo benshi batahuye ni uko intwaro zagombaga gutera Gisenyi nazo zirazwi ku Gisenyi, kandi ibyitso n'ibyo bizi aho byazihishe. Nabyo kandi ntibirafatwa. Njyewe ubwanjye nababwiye ko intwaro zagaragaraga kwa Kajeguhakwa birabonwa na benshi izo ntwaro nta nimwe yigeze ifatwa. Ibyitso nabyo nta na kimwe kirabyemera. Ese izo ntwaro zibahe? Zizaturasa ryari? Mbere yo kurangiza iyi nyandiko nongeye gusaba abasomyi ba Kangura ko bashaka n' yayo ya kane muri Editorial kuko irabafasha kumva imigambi y'inkotanyi, ndetse na biriya bitero murasanga Kangura yarabivuze muri iyo nimero.

Mboneyeho no kwibutsa abashinzwe kurinda imipaka ko bamwe mu bategetsi bashobora gutoroka vuba aha. Ubwo rero tubivuze ntituzabizire dore ko abo bashaka gutoroka ngo tubicira imigambi. Ku byerekeye ibyangiritse mu Ruhengeri inyenzi zashenye amazu akorerwamo na B.C.R. na B.K. n'amaduka make yo mu Ruhengeri ndetse n'Amahoteri. Ku byerekeye ibindi bisobanura iuzabibageraho ubutaha ndetse tunababwire ibyitso iuzaba twaramenye byo mu Ruhengeri.

NGEZE Hassan
Kangura-Ruhengeri

Icyo ntekereza kuri iki gitero cy'inkotanyi mu Ruhengeri.

Cyatewe cyane cyane n'ibyitso bitigeze bisakwa kandi bikiri mu nzego z'ubutegetsi bwa gisivili na gisirikari byakomeje kwigira nyoninyinshi muri Perefegitura ya Ruhengeri.

Niyo mpamvu icyo gitero cyo mu Ruhengeri gikwiye kubera isomo abakiri inyangamugayo (ziracyari nyinshi) kudatinya gusaka no gukurikirana ukekwa wese niyo yaba ari mu rwego rw'ubutegetsi uru n'uru.

Hari abandi bantu tudakeka ahubwo duhamya ko ndetse banarashe mbere y'inkotanyi. Navuga Sylvère ukora muri B.I.T. mu Ruhengeri wari warabonye mission ngo ajye mu mahanga mbere ya 1/10/1990.

— Professeur KABEJA Thomas w'i Nyakinama.

— Umurundikazi wakoraga muri APA, wari waratashye maze bakamurekura. Kandi ariwe wari kuroga amazi ya Electrogaz yo mu Ruhengeri Secrétaire wa Projet APA.

— Umututsikazi ukora muri Première Instance mu Ruhengeri Béatrice, wanadusetse cyane ngo mbese duhunga tujyahe, ngo ko ntacyo baradutwara. Mbese muri make, iki gitero cyatewe ahanini n'uburangare bw'abashinzwe gusaka no gukura ibyitso mu Ruhengeri.

Ikibabaje ariko n'uko dutunga agatoki ibyitso, maze n'abategetsi b'abahutu, bagahumishwa amaso n'abatutsi ngo nta kibazo kirimo kandi bo bazi icyo bakora. Maze haba hari ibyitso bisatswe, babisangana ikintu ngo ni bajyane muri Gereza!!!

Ese kandi ubu hari gereza iri muri iriya Perefegitura? ngaho rero reka turebe aho barajya babajyana.

Icyifuzo

— Baduhe abandi bantu batwemerera gusaka nk'uko bikwiye, kandi tugire icyo tuvuga kuri bariya bantu b'ibyitso.

— S/Préfet KAYIHURA nibamukure mu Ruhengeri.

— Dusakwe twese, ababonetseho ubwanzi bw'Igihugu babadukize.

Ko turi mu bihe by'intambara, kuki abanzi b'u Rwanda bataraswa ngo maze inkotanyi zirekere amahoro abaturage, ngo ko zaje mu Ruhengeri zije gufunguza bene wazo.

— Nkurikije uko numvise, abasirikari bamwe muri bariya bakuru, ngo bayobora nabi, nk'aho baba babifitemo inyungu. None se twabyita ubujiji? Niba atari ubujiji, nibahindurwe naho ubundi intambara ishobora kuvuka no mu basirikari bacu kandi rero inkotanyi nicyo zishaka.

— Bamwe mu bajandarume bavuga ko ngo babeshywe ngo igitero kirakomeye, kugira ngo bahunge bareke inkotanyi zinjire ni ibyo gukurikiranwa, byaba se aribyo ntawahindura vuba uwo wabagengaga muri icyo gihe?

— Ngo inkotanyi zizasiga zidushubijeho inyuma imyaka 17 ngo maze twese twibaze icyo Habyarimana yaba yaramariye abanyarwanda. Nashyireho rero nawe umurava maze ziherere iruhande kandi nibishoboka duhere ku byitso

Umusomyi kandi umukunzi wa Kangura
Ruhengeri

KA02 1207

KA021207

KANGURA IRAKOMEZA GUTUNGIRA AGATOKI IBIRO BY'IPERERREZA.

Banyakubahwa mushinzwe gukorera urwababyaye iperereza. Nyuma y'igitero cyagabwe n'ibyitso by'inkotanyi mu Ruhengeri. Kangura yakoze uko ishoboye ibonana nabatuye umujyi wa Gisenyi, cyane abanyabwenge maze batubwira amazina y'abantu bakekwaho kuba hari icyo bazi ku nkotanyi.

Twebwe abo bantu [illegible] tubashinja usibye gusa ko [illegible] muri urwo rwandiko tubandiye [illegible] mwazasanga bimuhama mukabibwira Perezida wa Repubulika. Urengana nawe mukabitumenyesha ko ari umwere ko ahubwo bamukekera ubusa. Ibi tubikoze mu rwego rwo kubibafasha gusa, kuko ejo cyangwa ejobundi Gisenyi izaterwa nazambunda zari kwa Kajeguhakwa tutazi aho zagiye.

Ibiro by'Iperereza bisabwe gukurikira mu buryo bwa vuba Prof. Charles musanzire wa Sakumi Anselme uwo mu Professeur ku Nyundo akaba avugwaho byinshi muri kino gihe twikanga igitero cy'inkotanyi gishobora gutera ku Gisenyi. Undi muntu wo gukurikiranwa ku buryo bwihutirwa ni Dogiteri Gasekurume ushinzwe ubuvuzi mu karere ka Gisenyi. Uwo mugabo akaba avugwaho kuba afite umwirondoro uteye urujijo.

Si byo gusa kandi kuko imodoka ategeka yigeze kuyohereza i Kigali harimo inkotanyi igeze mu Ruhengeri irafatwa maze aba GD barazisigarana icyo nacyo gituma akekwa. Dore tariki ya 25.01.1991 yagiye kuri Goma gushaka abavuzi bazajya bavura Ingabo zacu zizakomerekera ku gitero kizagabwa ku Gisenyi muri iyi minsi.

Ese yatumwe na nde gushaka abo bavuzi. Ese abibwirwa n'iki ko abasirikare bacu bazahakomerekera? Ese kuki yibanda ku bavuzi bo kuri Goma kandi twese tuzi ko benshi ari inkotanyi? Mukimara gusoma iyi Kangura mubimubaze ko atabikoze nabihakana mwegere Perefe mushya wa Gisenyi BIZIMUNGU Cosima kuko nawe aziko uwo GASEKURUME yagiye gushaka abo bantu kuri Goma koko.

Nabwo nabihakana muzamubaze icyo yagiye gukora mu Rwerere hagati ya tariki ya 23 na 25 ubwo ibintu byari bikomeye mu Ruhengeri natwe dukeka ko ari indwara nshya yari agiye kubahiga muzamubaze impamvu yagiyeyo ari uko rwambikanye. Nabyo nabihakana muzatubaze ibindi bimenyetso. Aba nabo twavuze bashobora gutuma batwandikira batumenyesha impamvu bakekwa n'abatuye umujyi wa Gisenyi. [illegible] tukimara kubimenya.

[illegible] yo gutumiza abo tugiye kuvuga [illegible] muzamubaze [illegible]ure niba Habimana [illegible] ashyigikiye [illegible] bwa Habyarimana maze [illegible] ko afite [illegible] mu Rwanda. [illegible] iriya nyandiko [illegible] ngasohotse mu kinyamakuru cy'inkotanyi cyitwa Impuruza [illegible] muntangiriro z'uko kwezi.

KANGURA IRAKOMEZA GUTUNGIRA AGATOKE IBIRO BISHINZWE IPERERERZA.

Muri iki gihe twugarijwe n'inyenzi ziyise Inkotanyi, Kangura iratungira agatoke Ibiro by'Iperereza ko imijyi ya Gisenyi na Goma yabaye ihuriro rikomeye ry'inkotanyi n'ibyitso byazo. Ibyo byaremye [illegible] baba mu kwinjiza intwaro nyinshi mu Gihugu cyacu [illegible].

1. Comité y'[illegible] yashyizwe i Goma (Zaïre) [illegible] ku migambi mibi y'inkotanyi. Ibyo intwaro zaturutse i Kampala n'izindi muri za *Valises diplomatiques* zagera i Goma zikambutswa n'abanyarwanda bakora muri B.D.G.L., MULPOC, C.E.P.G.L. na BRALIRWA turavuga cyane cyane :
   — NZAMBA Antoine B.D.G.L. (Goma-Zaïre).
   — TWAGIRAYEZU Ephrem (Gisenyi-Rwanda) MULPOC.
   — KABILIGI Alphonse (C.E.P.G.L.) Gisenyi-Rwanda.
   — MBONIMPAYE Elie (C.E.P.G.L.) Gisenyi-Rwanda.
   — MUNYESHYAKA Faustin (Bralirwa) Gisenyi-Rwanda.
   — RYEZEMBERE Fulgence (Bralirwa) Gisenyi-Rwanda.

   Intwaro z'inkotanyi zamaraga kugera ku Gisenyi, MUNYESHYAKA Faustin bakunze kwita RUHUTINYANYA na MBONIMPAYE Elie bakazihutana kugera i Kigali dore ko bizwi ko week-end zabo zose bajyaga muri Capital mbere yo ku wa 01/10/1990.

2. Guhindura ubwoko mu ndangamuntu kimwe n'abantu binjijwe mu Gihugu ku buryo budakurije amategeko cyane cyane muri Komini Rwerere, Mutura, Rubavu na Nyamyumba nabyo biteye abaturage impungenge.
   Twongeye gushimira byimazeyo Umukuru w'Igihugu cyacu udahwema gutahura ba RUTEMAYEZE na ba GASHAKUBUHAKE bigira nyoninyinshi bakambara uruhu rw'intama kandi ari ibirura. Niyo mpamvu *Kangura* ikomeje gutungira agatoke ibiro by'Iperereza kugira ngo bisuzume uko ibintu bimeze.

• Muzatubarize MUKASINE Florentine ukora muri C.E.P.G.L. aho abogamiye dore ko aba umushikazi mu banya Cyangugu n'abanya Bukavu, umugoyikazi ku Nyundo, umurera mu Banya Ruhengeri, umuhutukazi mu bahutu, umututsikazi mu Batutsi, ubwo asigaje aka ka gacuma kabaye icwende ntikoge, kwigira umwuzukuru wa Mende cyangwa umwishywa wa SINGAYE muri iki gihe arimo yubaka inzu mu mbago z'itongo rya SEZIGEMBE.

NTIMUZARANGIZE enquête ya C.E.P.G.L. mudasuzumye, imibanire ye na KAYIHURA Charles na KABILIGI Alphonse bakorana, mukaturebera jugujugu yabo muri ya minota 30' yateganyirijwe kwica isari muri iki gihe cy'akazi k'ingunga imwe uretse ko bo bayirenza, mugashishoza ku mibanire yabo n'ibyitso by'inkotanyi biba i Goma ; mwarangiza mukiga ku ngendo za MBONIMPAYE Elie buri week-end i Kigali mbere y'intambara ndetse akababwira aho yari ari ku itariki ya 4 n'iya 5/10/1990 ubwo inkotanyi n'ibyitso byazo zeguraga imbunda zikarasa mu mujyi wa Kigali. Muzabaze KABILIGI niba nta muvandimwe we uri k'urugamba rw'abadutera baturutse i

KA02 1208

KA02 1208

Bugande, mukomeze mumubaze amayeri yo guhindaguranya amamodoka we na KAYIHURA Charles noneho anababwire imitwe ye we na MUHAMYANKAKA Damien wahoze ari umukozi mukuru wa AIR-RWANDA iyo bageze mu Kabari ko kwa MUGENZI wo kuri Goma. Nimumara kubinononsora musabe abahinduye ubwoko muri ho bihitiremo ibihano kandi bemezwe ubwoko bwabo kuko bavuga ko aribwo busumba ubundi.

• Mujye muri Bralirwa mutubarize NSABIMANA Gratien bakunze kwita BOKASA icyari cyamujyanye i Bujumbura ho mu Burundi nyuma ya Revolution ya 1959, mumubaze niba atarakandagiye i Lubumbashi ho muri Zaïre kwa se wa NSENGABANDORA Anaclet wifatiye pension uwo muhungu we nawe akaba aba muri Bralirwa. abasobanurire imishyikirano yagiranye na SEBAHUNGU Anselme na RWEMALIKA tutibagiwe Padiri NTAGARA m'uguteguza uko buzajya gusanganira PAPA, Ntazabahishe ibiganiro yagiranye na MUKASINE Générose ucumbitse mu gipadiri ku Gisenyi. Ntazigire uwejo ngo ababeshye ko atashyikiranaga na KAJEGUHAKWA n'abayoboke be.

Nimurangiza mushake uwitwa KALIMUNDA Augustin bakunze kwita DRAGON NOIR mumubaze icyamujyanye mu Busuwisi muri 1973; mwibuke kandi kureba niba batarahoze muri l'UNAR; muzakore iperereza ku bakozi Kalimunda yahesheje akazi muri Bralirwa; mukomeze musure KAYIHURA Augustin mugereranye irangamuntu ye kuva SAFARI Jean dore ko bava inda imwe maze murebe ko bahuje ubwoko, nibabuhuza mwegere Kayihura Augustin mumubaze isano we yivugira afitanye na MUGIRANEZA Prosper Ségéral wa Minijust, abagezeno umurindi yahindishaga kwa NYIRINKWAYA Jean Bosco wahoze ari Inspecteur d'Arrondissement ku Gisenyi amukangisha abarimu, ababwire muri make isibo ajya akoresha mu Cabaret ke La Reine yakoranije abashoferi batwara amakamyo y'i Kibungo dore ko yivugira ko ari umuganza. Akomeze asobanure ukuntu yigize gateranyamiryango mu bakozi b'uruganda mutibagiwe kumukurikiranaho kuba ateranya n'umurava mwinshi abagoyi n'abashiru, Abakiga n'abanyenduga maze nimumara kubigenzura neza muzamusabe kwemerera kumwe na SAFARI Jean ubwoko bwabo bityo ibintu bifutuke.

Mukomeze mubaze RUDASINGWA Longin maze irangamuntu ye muyigere kuya International Gérard mutibagiwe kurunguruka MUKIMBILI wibera muri B.K i Kigali. Noneho ipica nyakuri y'ubwoko bw'abo bavandimwe ishyirwe ahabona. Mutubarize RUDASINGWA Longin aturahire ko ataziranye na RWIGEMA cyangwa ko batagiranye imibonano i Kampala mbere y'uko adusukamo amasasu? Mukomeze mumubaze niba nta mabanga yari afitanye n'uwahoze ari Préfet wa Gisenyi? Niba uwo mu Préfet atarigeze kumubwira ko mu gihe atazaba ari Préfet wa Gisenyi ngo azabage yifashe. Muzapererereze imvugo umugore wa RUDASINGWA yavugiye kuri Guichet ya B.K. ku Gisenyi ataka ubwiza bwa RWIGEMA mu gihe abasomyi ba Kinyamateka batangazwaga n'uko twatewe n'ikibondo. Ese kuki umugore wa Longin we atabazwa kuba nawe yarahinduje ubwoko?

Mukomeze mupererereze kuri NIYIBIZI Léonard, nyabuna mucukumbure murebe neza aho iwabo haba haherereye muri Komini Rwerere nibishoboka mukurikirane mu Gisekuru cye mushishoze niba nta sano afitanye n'ibyitso by'inkotanyi byibera Imasisi ho muri Zaïre. Munononsore iperereza rishyitse ry'abakozi bose ba Bralirwa bahinduye ubwoko mubasabe gusubirana ubwoko bwabo nta kurimanganya kurimo iby'imikino tubishyize ku ruhande; erega inkotanyi ibyo gushinyika zagombye kutwibutsa kubireka!

• Mutubarize RUDASINGWA Jean Léonard uba muri Limonaderie i Kigali icyamujyanye muri Zaïre muri 1975, ababwire umwanya yari afite mu Buyobozi bw'Ikinyamakuru « Urumuri » cy'impunzi cyandikirwaga i'Gisangani ho muri Zaïre, abamenyeshe amayeri yakoresheje yo kubona akazi muri Bralirwa abifashijwemo na MUKARUBUGA Cécile, MBAGIRENTE François na RYEZEMBERE Fulgence. Mucukumbure niba muri S.C.R. mutari musanze mumuziho kuba umwanditsi mu binyamakuru biharabika igihugu cyacu. Nimusanga aribyo mwisuganye muri ibyo biro by'igihugu bishinzwe Iperereza murebe ko nta byitso by'inkotanyi byaba bibihishemo kuko twaba tugosorera mu rucaca mu gihe mwagiye muhitisha abagizi ba nabi none bamwe nka RUDASINGWA Jean Léonard wagororewe kuba umukozi mukuru muri Limonaderi i Kigali mu gihe aduha urwamenyo we n'abagenzi be bari bagize ibiro bikuru by'Ikinyamakuru « URUMURI » mutere akajisho ku irangamuntu ye maze munyarukire iwabo muri Komini mwifashishe IBUKU ya se maze ubwoko azasanganwa aribwo yandikirwa, mukomeze mushakashake muri izo nganda zombi za Bralirwa abigira nyoninyinshi bakibera ibirumirahabiri bityo bitahurwe bisubirane isura ihuje n'ubwoko bwabo nta kibazo bizabatera.

• Muzanyarukire muri siège i Kigali muri Eglise de Pentecôtes mubaze uwitwa SIBOMANA Jean uba uri Londres ho mu Bwongereza isano yaba afitanye na MUNYENSANGA Néhemie umwarimu ku mashuri ya Rubona. Musuzumane ubwitonzi ubwoko bwabo ndetse mukore n'ipererereza ku myifatire yabo muri rusange, mubaze igisonga cyabo NTAWIYANGA Alphonse iyo cyaba gikomoka dore ko we na MUNYENSANGA Néhémie muzumva ko batwitse urusengero kubera gushakisha ku ngufu imyanya y'ubutegetsi (Pasteurs) kuko akabo katabura. Mukomeze ipererereza munyure kwa KAMPAYANA Bibiane ababe ipica y'uko yahagurutse muri Kibirira agana iya Ruhengeri, abasobanurire uko yavuye mu Ruhengeri agatunguka mu Butotoli-Rubona/Nyamyumba ku Gisenyi ababwire inzira yanyuzemo ahabwa irangamuntu muri Nyamyumba, muyimwake maze munyarukire muri Kibirira musuzume ubwoko bwe afite ubu mubugereranye ku bwoko bene wabo bagumanye muri Kibirira.

Ntimuzibagirwe kumubaza abo yashoboye kwakira amarangamuntu barimo UMULISA Marie-Belga wahoze atunzwe na 1er Sergent Major KARAMAGE mu Bigogwe, abamenyeshe aho mukuru wa Belga witwa Judith yaba aherereye mu gihugu cya Uganda, mushake Marie-Belga aho akora ku Gisenyi muri Aide et Action ababwire isano afitanye na RUDAHUNGA Esther uba i Kinshasa akaba na membre wa FEZAFA abashoboye guherekeza Etincelles i Kinshasa mwashoboye kumubona maze muzapererereze inshingano afite aho muri Zaïre no mu Kinyamakuru « URUMURI » cy'impunzi.

Muzibuke mutubarize KAMPARAGE Bibiyana uwari umushingiye igiti igihe

yiyamamarizaga kuba Konseye wa Rubona / Nyamyumba ; nimumara kubishyira ku ifishi mumwamagane areke kuba gateranya-miryango yiyoroshe amasengesho ahora abeshyeramo mu biterane kandi abaturage bamushinja kuba NYONI-NYINSHI na NTACYONIKOPA.

• Muzajye i Nyanza gusura Milita Porokireri Nkubito Alphonse maze mwibukiranye kuri bimwe : Tumaze kumenya ko ari we uhagarariye ishyirahamwe nyarwanda riharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu.. byaradushimishije cyane ariko ntibyabura no kudutangaza ndetse twavuga no kutubabaza.

Abagutoye bashobora kuba barabonye ko wenda ubungubu waba witaye kuri ubwo burenganzira ariko se ? Uribuka igihe wari muri kaminuza i Butare, mu ishami ryigisha ubuhanga mu mategeko umukobwa nako nyakwigendera Belansila akaba yari muri iyo kaminuza ?

Nyakwigendera Belansila yari afite fiyanse (*fiancé*) wigaga mu mahanga. Maze igihanganga cyo muri Kaminuza kiha ngo gusigara ku rugo, kiranamushukashuka ko kizamwiro-ngorera !

Kimutera inda. Iya mbere arayihyara. Kubera ikizere asama inda ya kabiri. Igihanganga kiti reka da ! Sibwo ashatse kuyikuriramo ku muhanda ku karubanda. Abahisi batabara igihe cyarenze ! Belansila apfa atyo.

Milita Porokireri twagira ngo utubwire ibyicyo gihanganga cyakurikiye iby'urwo rupfu tutacyibuka neza. Erega hashize igihe ariko wowe byabaycho twumva utabyibagirwa. Kandi ubwo ushinzwe rya SHYIRAHAMWE riharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu turagira ngo utubwire icyo wakoze mu kurengera ubuzima bwa Belansila cyangwa se abe mu gahinda basigaranye.

Twibukiranye !... Ese uribuka inkeke wowe n'uwitwa FAYILALA Fabien mwateye bamwe mu bakozi b'indahemuka ba parike (parquet) ya Gisenyi igihe mwari mugize ka kanama kiyushye icyuya mushaka gufunguza ku ngufu inkotanyi ikomeye yitwa RUCYAHA ngo kubera ko haba hari umwe muri mwe abereye sebukwe. Ayo makoni yose twasabaga ibiro by'iperereza kuyaconga akatuvira mu nzira y'ukuri izira uburyarya mu gihe twugarijwe na ziriya nyangarwanda zidahwema kugabiza ibitero mu gihugu cyacu zibifashijwemo n'ibyitso byazo kandi ahanini byifitiye inzego nkuru mu butegetsi bw'ingeri zose.

• Muzohereze ba mancko bapererezе kuri MUDENGE Genade niba atarigeze asangira na RWIGEMA ari kumwe na RUHUTINYANYA dore ko hari butike (boutique) yo ku Gasoko ku majyengo Inkotanyi n'ibyitso byazo zahuriragamo ku buryo hari n'igihe abantu bamwe bajyagayo kwisengerera bagatahana amafaranga yabo bahaze inzoga z'ubuntu. Bazibuke kuneka NKIKABAHIZI Stanislas niba we ataraciye RWIGEMA iryera mu gihe ku Gisenyi hari ikoraniro rya festival, bamubaze izina ry'umusore muremure waraye iwe muri icyo gihe akazinduka bunyoni.

Muzibuke guca mu munigi ho muri Zayire hafi ya Byahi y'u Rwanda aho GASHAKABUHAKE V. KAJEGUHAKWA yaturezaga ingabo ze baturebere niba GASAKE twabuze atari ho aba, banyure i Goma mu mujyi basiganuze imibereho ya SHANKURU umugabo ushinjwaho ubunyenzi kuva muri 1960, bahagarare hamwe barebe ko batibonera P.D.G. GACUKIRO Jean Baptiste azenguruka imihanda yose y'umujyi wa GOMA — Bapererezе niba adashyikirana na Pascal nouveau riche, bamenye niba atarasuye intumwa z'Inkotanyi igihe zaje mu nama kuri Goma zicumbikiwe muri MASQUE HOTEL.

Bagize akanya ko kuvugana nawe bamutubariza amakuru ya RUCAMAYIDA wo mu Ruhengeri n'aya murumuna we ukorera AMNESTY INTERNATIONAL iyo mu mahanga, mbere yo kugaruka mu Rwanda barebe niba nta BAGANAHE Léonidas wicaye kuri TORA-TINA n'indorerwamo ze nibamubura baze ku Gisenyi bafungure dossier y'iperereza irambuye kuri BAGANAHE kuva i Gatumba ho muri Kibilira banyure i Gisenyi batunguke i Kabuga n'i Cyangugu.

Ntazabahishe imishyikirano yagiranaga na SHANKURU cyangwa ngo apfukirane ukuntu bishongoraga ku bakozi ba Leta : iby bizwi n'umusaza w'umuduwaniye (douanier) ufite uruhara uba kuri Corniche BAGANAHE yari akuyemo iyo kotsa ngo yasatse imodoka ye !

Muzatubarize BAGANAHE impamvu amangazine ye yose nta bintu byabagamo mbere y'intambara.

Muzabaze ushinzwe ibiro by'iperereza ku Gikongoro akeho SHANKURU yifuzaga kumugereramo ngo atarura abahinduye ubwoko ku mupaka.

• Muzatwibukirize Minisitiri MUJYANAMA aduhe umwanzuro w'icyo atekereza kuri bariya bantu batorotse kandi benshi b'Abanyakibuye batangajwe na Perele w'Umujyi wa Kigali muri **KANGURA Nº 7** (pp 14, 15 na 16).

• Muzaturebere niba MUGESERA Antoine muramu wa Dogiteri RUDAKUBANA Charles wari muri centre IWACU KABUSUNZU KIGALI yaragaruka mu gihugu ngo yaba yarajyanye n'umukobwa wa Ephrem TWAGIRAYEZU wo muri MULPOC i Gisenyi.

• Muzashakishe ku buryo bwose abayoboke ba P.D.G. MAJYAMBERE Silas n'ibyitso bye. Ni benshi kandi n'ubwo nyoninyinshi, mutubarize Madamu NYAMUGABO Hubert C.O.C.E.P.G.I. Gisenyi witwa INTARAMIRWA Immaculée niba atazi imigambi ya MAJYAMBERE n'ihunga rye.

Muzatubarize icyo apfana na MUTUYEYEZU ufunzwe mu Nkotanyi n'ubwo twumvise ko yabohowe mu gihe twohereza iyi nyandiko. Mumubaze abayoboke n'intasi za MAJYAMBERE ziba ku Gisenyi kuko we nta kabuza ari intasi ya Perezida w'ingirwa-shyaka U.P.R. abatuye i Kigali babonye ko yiberaga mu kigo cya MAJYAMBERE mbere y'itoroka rye.

• Muzegere KARANGWA wahoze ari Perefe wa Butare abashyikirize amazina y'abantu bose bamushyize ku nkeke dore ko muri *KANGURA Nº 8* avuga ko yari yugarijwe n'ibyitso by'Inkotanyi bityo bitazadutoroka nka ya Isiti ya Perefe w'Umujyi wa Kigali yadutangarije muri *KANGURA Nº 7*.

• *Kangura* nayo izakomeza gushakisha ibimenyetso bibunganira mu mirimo mushinzwe itoroshye muri iki gihe cy'intambara.

• Abaturage barifuza ko mwakora iperereza k'uwitwa MUGABO Charles wakoraga muri Ambassade y'Abanyamerika akaza gukora urugendo rudafudutse mu Bugande mbere y'igitero, mbese yagiye ate ?

• Abaturage barifuza ko mwakurikira ibivugwa kuri NKUBITO ubu ngo yaba yitegura kujya ma mahanga. Mbese azaba ari mu butumwa cyangwa se azaba acitse ?

Mubikurikiranire hafi bitazaba nk'ibya mwene NTASHAMAJE.

• Abaturage barifuza ko ibitero byagabwe mu Ruhengeri byatubera isomo twese maze mu gashyiraho Komisiyo idasanzwe yakora iperereza ku byitso byose bivugwa hanze aha cyane cyane i Kigali — Ruhengeri Gisenyi — Byumba na Cyangugu. Kandi mu kagerageza kwegera babasirikare babohoje Ruhengeri bakagira icyo bababwira ku byabaye.

La Rédaction - Kangura
GISENYI-INFO.

KA02 1210

KA021210

LA GUERRE N'EST PAS FINIE, LES VEUVES INKOTANYI ENTRENT DANS LA BATAILLE.

Umusogongero :

Intambara ntirarangira, abapfakazi b'Inkotanyi nabo biyemeje gushoza intambara.

Kuri tariki ya 5 Ugushyingo 1990, ba madamu Rwigema Jeannette, Hilda Bayingana na Jacqueline Bunyenyezi bohereereje inyenzi ziri ku rugamba n'incuti zabo zose ubutumwa bwo kubashimira ko bifatanije nabo mu kababaro igihe abagabo babo bagwaga mu Mutara bahatsinzwe n'Ingabo z'u Rwanda bita «umwanzi» cyangwa se basubiranyemo nk'uko bamwe babivuga.

Abo bagore bapfakaye bakiri bato hari aho bagira bati : « Kwishimira gutsinda k'umwanzi (ndrl uwo mwanzi ngo ni u Rwanda n'Ingabo zarwo) igihe abagabo bacu dukunda bapfuye baguye ku rugamba, byerekana ubujiji bubisi bw'Ingabo zihondobera zinakendera, zabishe zikadushyira mu kangaratete gateye aka kageni ndetse nitibagiwe ko zateye n'agahunda kenshi imbaga (mirivoni na mirivoni) ya bene wacu.

Umwanzi arakora uko ashoboye kugira ngo atere inzangano muri twe akoresheje ibinyoma. .... avuga ko abagabo bacu bazize amacakubiri. Izo mpuha akwiza zirenze ubucucu bubaho bwose kandi, zerekana ukwiheba k'umwanzi kandi ko agiye kuganzwa no gutsindwa vuba aha ngaha...

Igihugu cyanubyaye kiradutegereje !»

ndrl : Twe ntacyo twiriwe tuvuga kuri ubu butumwa twagira ngo dusogongeze n'abatumva igifaransa hataza jya bahishwa ibyo nabo bagombye kwimenyera.

Lettre publiée dans le journal « Le Volcan ».

Les Inkotanyi ne veulent pas déposer leurs armes. Les épouses de Rwigema, Bayingana et Bunyenyezi, adressent un message particulier à leurs amis et Camarades qui les ont confortées dans leur deuil. (ndrl)

Ce message est adressé à nos camarades au champ de bataille et à tous nos amis appuyant la lutte pour notre rentrée au pays natal, le Rwanda.

Le 5 novembre 1990.

La nouvelle de la mort soudaine du général Major Fred Rwigema, du Major Peter Baingana et du Major Chris Bunyenyezi, ainsi que d'autres camarades tombés au champ d'honneur nous est parvenue comme un coup accablant. Toute fois, nous voudrions publier cette mise au point au nom de toutes les veuves et familles des camarades tués en vue de réaffirmer notre engagement à la cause pour laquelle nos bien-aimés ont sacrifié leur précieuse vie.

Nous savons et acceptons que dans un conflit armé la possibilité de la mort est toujours là, même si quand celle-ci frappe nous sommes bouleversés par le chagrin et le sentiment de perte profonds. C'est précisément pour cette raison que nous voudrions rassurer nos camarades au champ de bataille et tous nos amis où qu'ils soient que nous retenons inébranlablement notre courage et moral, ceux-ci proviennent de la conviction que notre cause est légitime ne peut de ce fait que triompher.

Nos maris ont donné à nous tous réfugiés le don le plus précieux qu'un être humain peut donner, à savoir leur vie. Leur sacrifice est juste et altruiste. Leur inspiration pendant leur vie doit s'accroître suite à leur mort, en vue d'assurer que leur sang n'ait été versé en vain. La lutte en est tout juste à ses débuts, même en ce moment de deuil, nous en appelons à tout le monde concerné de renouveler sa détermination aux fins d'assurer la réalisation de la victoire finale.

La célébration de la victoire par l'ennemi suite à la mort de nos chers maris abattus au champ de bataille démontre la primitivité des forces rétrogrades qui ont causé tant de chagrin aux millions de nos compatriotes.

L'histoire, le temps et la justice favorisent la victoire de notre lutte. Ainsi gardons-nous la conviction que notre cause gagnera ultime et que la dictature au Rwanda subira la chute attendue qui nous permettra de rentrer au pays natal.

L'ennemi fait tout son mieux pour semer la discorde parmi nous au moyen de désinformation. Il a répandu sans honte les rumeurs faisant état de rivalités qui auraient été la cause de la mort de nos maris. Il s'agit là de menées qui dépassent tout absurdité et qui mettent en évidence le désespoir d'un ennemi sentant sa défaite prochaine. Nous connaissons très bien nos maris décédés et les rapports dont ils s'étaient noués. Nous attestons fermement que leur loyauté mutuelle, tout comme leur engagement à la cause, n'a jamais été mise en doute. Ils ne le seront jamais.

Nous avons un message particulier que nous voudrions adresser à nos camarades au champ d'honneur. Nous vous prions de redoubler vos efforts et votre détermination dans le combat contre l'ennemi. Vous aimiez vos camarades tués autant que nous aimions. Nous devons donc assurer que leur sacrifice ne s'avère pas inutile.

Nous vous adressons ce message pour vous confirmer que nous gardons le moral et que nous restons solidaires avec vous dans nos pensées et nos prières. Tout en vous témoignant de notre appui total par tous les moyens dont nous pussions disposer. Nous sommes encouragés en particulier par le fait que dans les annales de l'histoire toute cause légitime a toujours fini par atteindre sa victoire méritée.

Nous saisissons cette occasion pour remercier tous ces amis qui nous ont confortées face à ce profond chagrin que provoque ce deuil. Que Dieu vous bénisse et soit propice à notre cause légitime.

La Mère Patrie nous attend !

Signé par : Jeannette Rwigema
Hilda Bayingana
Jacqueline Bunyenyezi

IBIRO NTARAMAKURU BYIGENGA GISENYI-INFO BIRAMENYESHA ABATURAGE BOSE KO BIKORA IMIRIMO YITUMANAHO BIKORESHEJE TIMBRE — TELEPHONE, TELEFAX. NIMWIYAMBAZE IBYO BIRO NTIBIZATENGUHA ABIFUZA KUTUGEZAHO AMAKURU. NIMUKORESHE FAX 0040519 CYANGWA TELEPHONE 40625 — 40681 — 40229 — 40519 — 40038 GISENYI NA 73586 KIGALI.

KA02 1211

KA021211

ACTUALITE.

CHEZ NOUS.

- Ushaka kumenya inkuru y'imvaho ajye yumva Radio-Rwanda. Yatubwiye ko zatungukije izuru mu Birunga zigakina n'urusoro. uwo munsi zigatera kuri 22.01.91.

- AGATSIKO KA MUNYAMBARAGA KARABURANYE, kageze aho gasobanurira abacamanza aho ubujiji bw'Inkotanyi n'ibyitso byazo buhereye kararuca kararumira. Naho MBONAMPEKA ati ntabwo bagambaniye igihugu ngo ahubo bahungabanije umutekano.
  Muri urwo rubanza twamenye ko KIMENYI ngo ari we wagombaga kuba Perezida w'u Rwanda uretse ko batasobanuye icyo Kigeli yari kuba cyo. Cyangwa se u Rwanda rwari kugira Umwami na Perezida!

- Kuri 22 Mutarama 1991 inyenzi zateye muri Perefegitura ya Ruhengeri zinyuze mu Birunga maze kuri 23 Mutarama 1991 zifungura gereza ya Ruhengeri zije kubohoza MUNYEMBARAGA, MBAGUTA, SISI na bagenzi babo. Ba Lizinde, Sabakunzi n'abandi bagororwa baboneraho, uretse ko bamwe bagiye bahura n'abaturage b'aho mu Ruhengeri bashinga bariyeri kuri buri mayirabiri maze si ukurya indimi bagakacirwa nk'imbeba muri rwagakoco. Byabara Sabakunzi!

- Ikinyamakuru cy'abaturage cyitwa «Imbaga» cyibarutswe n'IHURIRO RYA BANKI Z'ABATURAGE, ikigo IWACU n'indi miryango yo hirya no hino mu Rwanda. Ibyo byabereye ku ka Busunzu mu cyumweru cya gatatu cya Mutarama. Icyo tutababwira ni igihe nomero yacyo ya mbere izasohokera.

- ONAPO imaze gukura ndetse amenyo y'amata yasimbuwe n'amenyo adakuka dore ko yujuje imyaka yayo icumi kuri tariki ya 16 Mutarama 1991. Gusa rero yari ikwiye kutibanda ku kibazo cyo kuringaniza imbyaro gusa ikibuka ko yakemura neza ibibazo by'abaturarwanda ishyize imbere no mu bikorwa by'abashakashatsi bayo intego yayo mbona iboneye:

  «Twiyongere twongera umusaruro»

Iyi ntego niyo rwose kandi ikwiye gushyigikirwa. ONAPO rero kura ujye ejuru, abaturage b'u Rwanda ubigishe gutura neza kandi heza, kwambarana isuku, kurera neza abo babyaye, babyara abo bashoboye kurera, kurya neza bikwiye kandi bihagije, no kurinda ubuzima bwabo. Tuzagufasha ntugacike intege, dore ko wivumburiye ibanga ry'abakangurambaga kandi na *KANGURA* akaba ari umukangurambaga. Duhuriye rero kuri iryo banga.

- Ikinyamakuru *Jeune Afrique Economie nº 139*, Mutarama 1991 cyatangaje ko Bemba Saolona, Perezida w'umuryango w'ubwishingizi (cyangwa ahari w'ubucuruzi) muri Zaïre, ANEZA, yagizwe Consul Général (Umukuru w'Ikirenga) uhagarariye inyungu za Repubulika y'u Rwanda muri Zayire. Bemba Saolona uwo ni umuntu ukomeye cyane muri Zayire tukaba tumutezeho byinshi mu kazi azadukorera, n'inyungu zacu azarengera.

AILLEURS ... AHANDI

- Nyuma y'amasaha 18 gasopo y'inteko y'abibumbye ihumuje, ingabo z'ibihugu 29 harimo abasirikare ba Leta zunze ubumwe z'Amerika barenga ibihumbi magana atanu zateye IRAK, zigirango zibohoze KOWEIT IRAK yigaruriye. Saddam Hussein yasabye abaturage «ayobora» ku gitambo cy'amasasu kwiyegeranya bagahashya umwanzi.
  Ishyaka ryo kubohoza Palesitina naryo ribonera ku mbaraga z'igihanganga IRAK kugira ngo zibwire isi yose ko n'Abanyepalesitina barengana kandi ko nabo bakeneye aho kuba.

  Leta zunze ubumwe z'Amerika n'abafatanije nazo mu mirwano ziti twabumvise, ariko mureke tubanze dukemure ikibazo cy'abami ba peteroli, namwe tuzabakorera nyuma turangije.

  Imirwano iracyari yose rero, urugamba rurakomeye, IRAK yeretse isi yose ko nayo yari akagabo, ariko iragura ubugabo bwayo ubuzima bw'abaturage bapfira ubusa n'ibintu byinshi itakaza hejuru y'imbunda n'amasasu nabyo bitagura ubusa. Ndetse ngo n'ibigega bya peteroli IRAK ubwayo irabishumika cyangwa abibumbye bakabirasa.

- Ngo Yoweri Kaguta MUSEVENI wa wundi muzi yaba yaracitse amaguru, abenshi bakibaza impamvu atabimenyesheje abavandimwe ba b'Abanyarwanda ngo bajye kumurwaza. Iwe turumva byaba ari impuha kuko Radio-Rwanda itabivuze mu matangazo yo kubika nako yo kumenyesha.

- Moscou yagiriye bya nkana zimwe muri Repubulika zunze nayo ubumwe, Lituwaniya na Lettoniya kandi ngo na Estoniya irugarijwe. Baravuga hirya no hino ku isi ko Gorbatchev amaze kugomezwa iwe n'ingororano ya Nobeli y'amahoro (*Prix Nobel de la Paix*) yahisemo guhita agaruza Karacinikovu izo Repubulika zashakaga kumwicaho. Ubu rero akaba ashobora gutenteburwa n'ibibera iwe mu gihugu ngo kubera ko kwiyumvamo ubuhanganga bituma atamenya ko demokarasi ibaho kandi igomba kubaha icyifuzo cya rubanda.

- Si mu Rwanda gusa, n'ahandi muri Afurika ni ibicika. Twumva bavuga ngo muri Liberiya, muri Tchad, Angola, Somaliya, Maroko, Afurika y'Epfo, Mali, Benini (Bénin) n'ahandi ngo hari imidugararo. Nyamara hose ibibazo bijya kuba bimwe kandi bitandukanye. Wagirango Afurika igiye gusubira muw'1960. Ndetse tumaze kumva ko Obote yaba ashaka kugarukana na Karacinikovu mu Bugande.

Ibiriho kuri iki gihe ni amayobera!!



DEMAGOGIE OU IRREALISME DELIBERE??? KA021212

SINON, ALORS GAPYISI EMMANUEL MIJOTE UN PARTI.

L'article intitulé «Un changement démocratique et pacifique» paru dans le numéro 1 de la périodique «LE DEMOCRATE» du 1er novembre 1990 a suscité beaucoup d'intérêts: d'une part à cause de son auteur, Emmanuel GAPYISI, qui est une figure bien connu par les milieux tant nationaux qu'internationaux; et d'autre part parce que les idées développées dans cet article demeurent d'actualité dans notre Pays.

Bien que l'auteur soit le mieux indiqué pour présenter sa propre autobiographie, Emmanuel GAPYISI a été beaucoup connu par le public pour avoir occupé la place de Secrétaire Général au Ministère des Travaux Publics et de l'Energie, et à ce titre il a participé à la prise de certaines décisions dans le secteur des infrastructures nationales.

Par ailleurs, l'auteur n'est pas seulement connu par le public, le monde estudiantin l'a connu également comme l'un des plus grands activistes de l'AGER (Association générale des Etudiants Rwandais) née dans les premiers moments de la IIème République. Cette association a fait sa publicité en s'opposant dès la 1ère heure aux principes prônés par la Jeune République.

La voix de l'AGER va cesser de vibrer lorsque ses fondateurs auront trouvé des places de choix au sein du Régime. L'auteur de cet article a toujours été imbu d'un esprit de changement, mais il reste à voir s'il est réellement capable d'opérer des changements à la satisfaction de tout le monde. En effet, les différents postes occupés par celui-ci auraient montré **qu'il a des ambitions** et que ses tendances ne sont nécessairement pas respectueuses des droits de l'homme, mais plutôt traduisent la volonté d'un homme à l'esprit contestataire et à la recherche de sa propre gloire.

Néanmoins, les conclusions faites par l'auteur dans cet article sur l'invasion des Inyenzi au mois d'octobre 1990 sont fondées; il est en effet hors de doute que les raisons profondes de cette agression trouvent leur justification dans l'instauration d'un régime monarchiste qui serait probablement pire que celui d'avant 1959. Aussi à en juger par des moyens matériels qu'humains mis en œuvre pour soutenir cette invasion, en plus de la propagande médiatique contre l'Etat Rwandais, tout cela prouvent que leur plan d'exterminer l'ethnie majoritaire était de taille.

Les prétextes selon lesquels les **INYENZI** voulaient instaurer un régime démocratique ne peuvent leurrer que ceux qui ne savent pas que tous les féodaux sont prétentieux et sanguinaires. Il n'y a donc rien à redire sur l'analyse faite par l'auteur de cet article sur l'invasion d'octobre 1990.

En introduisant le deuxième thème sur l'ouverture politique, l'auteur accuse le régime actuel d'être corrompu, de ne pas respecter les droits de l'homme, de pratiquer l'abus de pouvoir et d'être autoritaire.

Je ne m'attarderai pas à cette affirmation tendancieuse pour discuter dans quelle mesure l'assertion de l'auteur est exagérée parce que l'on sait pertinement que tout parti d'opposition, **le MDR dont il se réclame et mijote** cherche tous les maux pour accuser le régime en place. Parmi toutes ces accusations, il n'appartient qu'à l'auteur d'en fournir des preuves tangibles et d'avoir l'honnêteté intellectuelle de reconnaître les mérites du régime en place, du moins en ce qui concerne le développement socio-économique, politique notamment le rôle prépondérant des militants et membres des Comités de Cellules dans l'appui des Forces Armées Rwandaises pour dépister et riposter contre les agresseurs «INYENZI NKOTANYI». A moins de penser peut-être que l'auteur ne l'aurait fait que par oubli!

Par ailleurs un autre fait qui devient incompréhensible, voire même paradoxal, est que l'auteur propose un gouvernement de transition qui conduirait les affaires courantes de l'Etat jusqu'à la fin des élections communales, législatives et présidentielles qui seraient supervisées par l'OUA et l'ONU. Pourquoi cette supervision?
Le Rwanda est-il le seul pays d'Afrique qui va passer du système monopartiste au système pluraliste? Si tel n'est pas le cas, d'aucuns se demandent d'où l'auteur tire cette inspiration et comment cela pourait-il s'entendre autrement si ce n'est hypothéquer purement et simplement l'Indépendance et la Souveraineté nationales?

Après toutes ces interrogations si l'auteur persitait encore dans ces affirmations, nous souhaiterions avoir de plus amples explications à ce sujet.

A. BIZIMANA
Umusomyi wa KANGURA

NYABUNA TABARA BAMWE NTIBAKIGOYEKA!!!

Abantu benshi baribaza byinshi ku bategetsi bamwe ubu bari mu gihugu cyacu, bamwe basigaye barumiwe, baribaza iyo tujya bikabayobera! Bamwe bati dukomeje kwihanganira byinshi, bati se bariya bagize Guverinoma na Komite Nyobozi ko bavugwa ko harimo ibyitso byinshi, bakaba batabishyira ahagaragara ntihagire n'ikivugwa kuri izo mpuha, aho byaba aribyo iyi ntambara yazarangira?

Muzi ko umuntu ufite imodoka y'imbabura iyo adafite uburyo cyangwa se aho yakura imodoka nzima kandi nziza yo gusimbuza iyo mbabura akomeza kurwaza kugeza aho aboneye inzima. Cyangwa se iyo umuntu afite imodoka irwaye transmission cyangwa se irwaye za amortisseurs nyirayo iyo yavumbuye uburwayi bwayo, ayikoresha ibyo ishoboye, yagera mu mikuku akamenya ko agomba kwitonda. Mwibuke ko Perezida yavuze ko gutegeka abantu bitoroshye nawe rero aziko turi mu mikuku ko tugomba kwitonda.

Ariko, Rubanda ihanze amaso abategetsi bose, baramenye inshingano yabo. Mwibuke ko mu myaka yashize ntawashoboraga kurota yandika article ivuga imikorere mibi kuri minisitiri kanaka, none ubu rubanda rwacengewemo na demokarasi, guhakwa -biragenda bishira, none abategetsi bari baramenyereye gutamikwa ubu ntibagisinzira, bamwe ngo basigaye batagoheka, ngo none baba bataruwe mu nkotanyi.

Abandi ngo imitima iratera kubera ko abadamu babo batakibona uko banyarukira ku bapfumu ngo babahumurize, sibo bazarota... Inama nabagira ni uko bakora akazi kabo, bakamenya ko akazi atari ubukonde. Kandi bagahora bazirikana ko kurengwa ari bibi.

Naho abavuga ngo ntibiyumvisha niba Umubyeyi yarabuze mu banyarwanda bose bize abo yasimbuza bamwe mu bafasha be batari shyashya, bagombye gutegereza, hari ubwo ibyo mubabonaho cyangwa ibyo babavugaho atari ko biteye! nawe afite amaso, ibyo mumugezaho ntabwo abita hirya ya Huye nka ba banyamurengwe bafatanyije n'inkotanyi, tukaba turara amajoro tudasinzira.

«Tugomba kumugirira icyizere»

Umusomyi wa KANGURA

KA02 1213

KA021213

«INGARUKA Z'UBUSHOTORANYI BWA LUNARI».

I Kinyamakuru «Ijambo n° 11 yo ku wa 15 Mutarama 1991» cyatugejejeho iby'Ubushotoranyi bwa Lunari. Uko LUNARI yatangiye gukwira mu Rwanda yiyemeza ku ngufu n'iterabwoba igenda isebanya, kuva muri Nzeri kugeza mu Gushyingo 1959. Ubwo bushotoranyi bwaje kugira ingaruka. — Revolisiyo ya Novembri 1959:

Iyimikwa rya NDAHINDURWA ryakakaje benshi mu baturage bazi amateka y'u Rwanda, kuko na mbere hose, umwami wimikwaga yitwa KIGELI yamenaga amaraso y'abantu benshi, ku buryo abaturage batatunguwe n'ubugome NDAHINDURWA yatangiranye ingoma ye yicisha abantu b'ingirakamaro rubanda rubonye abanyabwenge n'abarwanashyaka bajijutse LUNARI igiye kubarimbura, bigira inama yo guterana inkunga no gutangira kwirwanaho igihe batewe.

Muri teritwari ya Gitarama, hafi ya Byimana, tariki ya 1 Ugushyingo 1959, igitero cy'abatutsi cyashatse kumerera nabi Umusushetu Dominiko MBONYUMUTWA, umwe mu ba Sushefu 10 b'abahutu kuri 520 b'abatutsi bariho icyo gihe. MBONYUMUTWA atabarwa na KAYIBANDA wari warakurikiye neza uwo mukino wa LUNARI.

Abahutu babimenye neza ubwo. Abaturage babimenye basanga harimo agasuzuguro n'ubwirasi buvanze: biyemeza kwikurira inzira ku murima. Bucya abaturage umujinya wabarembeje, maze basa n'abatombotse bavumbukana abatware b'abatutsi bari barabishe urw'agashinyaguro. Barakara rwose ariko, nta na rimwe abahutu bigeze bashaka kwica, keretse igihe basangaga bagomba kwitabara. Birumvikana kandi ko iyo bagira igitekerezo cyo kwica abatutsi haba hatarasigaye n'iyonka, kuko ingufu z'abahutu nyamwinshi hatari kugira ikizitanga imbere. Icyo abaturage bishakiraga, kwari ugukanga abanzi babo, kugira ngo babavire aho ngaho, amahoro asabane hose.

MPONGEBUCYE Edouard

N.B. : Nifashishije igitabo «Ingingo z'Ingenzi mu Mateka y'u Rwanda». Imyaka icumi y'isabukuru y'ubwigenge 1962-1972.

Rubanda urihe ?

Kuki bakujomba imigera ku rurimi ntutake ?
Kuki bagushyira imisenyi mu maso ntuhuruze abagutokora ?
Kuki bagusukira amazi mu matwi ntiwinyagambure ?
Kuki bagupfuka amazuru ntiwitsamure ?
Ntubona ko urwo rurimi
ko iyo mboni
ko ayo matwi
ko ayo mazuru
yangirijwe n'abakubeshya kukurwanaho
Ko ureka izo ntwari zikajyanwa mu ruhando rw'amahari
Ukitwara butama
Uzarengerwa na nde ?
Uzarengerwa n'iki ?
— *Have Rubanda*
Wihana abaguharanira !
Menya ururo n'icyatsi
Wisobekeranya urumamfu mu ngano
— *Rubanda rwana ku ntwari wabyaye !*
— *Rubanda ntugakanguke watinze !*
— *Rubanda ntugatatire abagutakira*
— *Rubanda ntugateme ishami wicariye*
— *Reka kwigira Yeruzalemu. Yezu ntakirira*
— *Rubanda nkurimo mfite impungenge zo kubona watembagara kuko naniye ntasigara*
Rubanda ndakwinginze kangukira iyo mpuruza.

Docteur BEN DEDALE François

Amahoro uko nyumva.

Amahoro si uguhora
Ngo uhwekere
Amahoro si uguhunikira
Uhunikamo abandi uruhwiko
Ubwiko bucumbeka
Amahoro ni uguhora uhagaze
Ukareba hakurya y'inzira
Unyarukira ku nkiko
Ukanazirenga
Utata ko nta kibi kihacurirwa
Utabishobora ntiwikome
Abadashira amakenga
Gukenga si ugukeka
Si no kubika inzika
Si no kubiba urwango
Gukenga hiranga umurinzi nyamurinzi
Wamumenyamo ubwo bugenge
Ukizera umudendezo
Kuko amahoro agira abayarwara
Bavukiye icyo
Bayagera imigera
Bayavuza imigeri
Ngo bivuge mu kirambi
Babasomye ku ntango
Batukuje ibigembe
Bahoza mu ruge
Barekereje kurekera
Bakaberwa no gusakabaka
Bakizihirwa no gusakambura
Bakamwenyura bagukanyaga
Bakiruhutsa baziritse barindwi
Cyangwa se makumyabiri n'umwe
Ibyo niyo mahoro yabo
Ubahonze ikindi
Bakubonamo umwanzi
Ugambiriye kubagomwa amaramuko
Wowe ushaka amahoro nkubwira
Ntugashire impumu ngo wihweze
Watuma tuzahwera
Wihoza abakuburira ku nkeke
Dore imiburo iruta igitero
N'isuri yasumbye icyomoro.

Docteur BEN DEDALE François
B.P. 422 Gisenyi

KA02 1214

Umwe mu barwanashyaka b'imena baharaniye demokarasi,

BICAMUMPAKA Balthazar.

KANGURA

Nº 9

100 FRW

DEMOKARASI

imaze imyaka 30.

IBYITSO BY'INKOTANYI MU RWANDA BIRANGA BIKAYISHINGA IBIKWASI.

LA DEMOCRATIE PAR LA VOIE DU MULTIPARTISME EN APPELLE A LA LOI DE LA MAJORITE ET LES DROITS DES MINORITES.

L'ART DE MENTIR DE MARIE FRANCE CROSS ET SA COMPLICITE AVEC LES INKOTANYI.

NITUREBA NABI IBYITSO BIRADUTSEMBA Ugishidikanya azanyarukire mu RUHENGERI

BIMENSUEL INDEPENDANT
EDITEUR : GISENYI-INFO
REDACTION ET DISTRIBUTION : GISENYI-INFO
B.P. 19 GISENYI, B.P. 1312 KIGALI

Nº 9

Abonnement annuel : *Rwanda : 2400 FRW*
Afrique : 4400 FRW
Europe : 5000 FRW
Sur cpte BCR - 14273/14 KIGALI

Tél. 40625 — GISENYI

Le contenu des articles engage la responsabilité de leurs auteurs.

La Régie de l'Imprimerie Scolaire n'est engagée

ESE IZI NIMERO WARAZIBONYE ?













SOMMAIRE — IBIRIMO

— Ijambo ry'ibanze — *Editorial* ..... p. 1
— Ibyabaye — *Evénement*
  — Ruhengeri yatewe n'inyenzi demokarasi imaze imyaka 30 ..... p. 6-7
  — Irangamuntu y'umuturage uba muri demokarasi ..... p. 8
  — Baturage ba Butare murabe maso p. 9-10
— Ubuzima n'imibereho y'abaturage
  — *Santé- Société*
  — Ngeze yaba ari mu mazi abira .... p. 10
  — L'art de mentir de CROSS .... p. 10-11
  — Ibyitso biradutsemba ..... p. 11-12
— Ntibisanzwe — *Exclusivités*
  — Kangura irakomeza gutungira agatoki ibiro by'Ipereireza ..... p. 13-15
  — Les veuves des Inkotanyi entrent dans la bataille ..... p. 16
— Amakuru y'ubu — *Actualité* p. 17
— *Courrier-Opinions*
  — Gapyisi Emmanuel mijote un parti? p. 18
  — Nyabuna tabara bamwe ntibakigoheka
  — Ingaruka z'ubushotoranyi bwa Lunari p. 1
  — Imivugo ya Dr. BEN DEDALE .. p. 1